

**AMABWIRIZA NO .001.... YO KUWA 01/2019 Y'UMUYOBOZI MUKURU W'IKIGO CY'U RWANDA GISHINZWE GUTEZA IMBERE IMITURIRE (RHA) AJYANYE N'IYUBAKISHWA RY'AMATAFARI YA RUKARAKARA.**

**ASHINGIYE:**

Kuri Politiki y'Igihugu y'Imiturire ya 2015 mu gice cyayo cya 4.7.1 iteganya ko ibikoresho by'ubwubatsi biboneka imbere mu gihugu kandi bibungabunga ibidukikije bigomba gukoreshwa bikanatezwa imbere mu bwubatsi;

Ku Itegeko no 10/2012 ryo kuwa 02/05/2012 rigena imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo za 7, 9,10,83,90 na 91;

Ku Itegeko no 20/2011 ryo kuwa 21/06/2011 rigena imitunganyirize y'imiturire mu Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo za 3,7,12, 24;

Ku Iteka rya Minisitiri w'Ibikorwa Remezo N° 03/CAB.M/019 ryokuwa 15/04/2019 rishyiraho amabwiriza ajyanye n'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire cyane cyane mu ngingo yaryo ya 17;

Ku Iteka rya Minisitiri w'Ibikorwa Remezo N° 02/CAB.M/019 ryo kuwa 15/04/2019 rishyiraho amabwiriza akubiyemo ibyiciro by'inyubako, ibisabwa n'uburyo bukurikizwa mu gusaba no gutanga impushya zo kubaka cyane cyane mu ngingo zaryo za 2,4 na 6;

Ku Rwunge rw'Amategeko y'Imyubakire mu Rwanda "Rwanda Building Code" mu gice cyarwo cya 6, umutwe wa 2 mu gace ka 5;

**Na none ashingiye:**

Ku myanzuro yafatiwe mu mwiherero w'abayobozi bakuru b'Igihugu wo mu mwaka wa 2016 aho hemejwe gukoreshwa ibikoresho by'ubwubatsi bikorewe mu gihugu hagamijwe kugabanya amafaranga akoreshwa mu gutumiza hanze ibikoresho by'ubwubatsi;

Ku myanzuro y'umwiherero wahuje Minisitiri y'Ibikorwa Remezo n'Ikigo cy'u Rwanda Gishinzwe Guteza Imbere Imiturire wo kuwa 26-27 Ukwakira 2017 isaba ko hagomba gushakwa ingamba zose zituma hakoreshwa amatafari akoze mu gitaka "Rukarakara" yujuje ubuziranenge mu rwego rwo kongera inzu zo guturamo ziciriritse;

**ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza agamije iyemezwa ryo kubakisha amatafari akoze mu gitaka "Rukarakara" no gushyiraho imirongo ngenderwaho mu kuyubakisha hagamijwe gukumira impanuka ziterwa n'ibiza mu miturire no kongera inzu zo guturamo ziciriritse mu Rwanda



## **Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

1. **Rukarakara:** Itafari ribumbwe hakoreshejwe itaka n' amazi, rikumishwa n'izuba kandi rigakoreshwa ridatwitswe. Iri taka rishobora kongerwamo ibyatsi bitewe n'imiterere y'ubutaka bugiye gukoreshwa.
2. **Butisi:** uburyo bw'imyubakire ikoresha amatafari agaragaza ubugari mu mbavu z'urukuta.
3. **Panderesi:** uburyo bw'imyubakire ikoresha amatafari agaragaza uburebure mu mbavu z'urukuta.
4. **Beto:** imvange y'umucanga, garaviye ntoya, sima n'amazi

## **Ingingo ya 3: Aho Rukarakara yemewe gukoreshwa**

Amatafari ya Rukarakara yemewe kubakishwa ku nzu zo guturamo mu gihugu hose haseguriwe ibivugwa mu ngingo zikurikira.

## **Ingingo ya 4: icyiciro cy'inyubako zemerewe kubakishwa Rukarakara**

Hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri N° 03/CAB.M/019 ryokuwa 15/04/2019 rishyiraho amabwiriza akubiyemo ibyiciro by'inyubako, ibisabwa n'uburyo bukurikizwa mu gusaba no gutanga impushya zo kubaka nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, amatafari ya Rukarakara yemewe kubakishwa mu nyubako zo mu cyiciro cya kabiri gusa

## **Ingingo ya 5: Ubuso bw'inyubako yemerewe kubakishwa Rukarakara**

Inzu yo guturamo itarengeje metero kare magana abiri (200m<sup>2</sup>), itageretse kandi itanafite igice cyo muni y'ubutaka "basement" niyo yemerewe kubakishwa amatafari ya Rukarakara. Nta nzu y'ubucuruzi yemerewe kubakishwa Rukarakara.

## **Ingingo ya 6: Ahagenewe kubakwa inzu zo guturamo**

Inzu zo guturamo zo mu cyiciro cya kabiri zivugwa mu ngingo ibanziriza iyi zemewe kubakwa ahagenewe inzu zo guturamo hagendewe ku gishushanyo mbonera cya buri Karere n'Umujyi wa Kigali. Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali bashobora kugena ibice byihariye bitemerewe kubakwamo inzu zo guturamo za Rukarakara bitewe n'igenamigambi rya buri hantu kandi hakomezwa n'Inama Njyanama imaze kugirwa inama n'abatekinisiye bashinzwe imiturire.

## **Ingingo ya 7: Impushya zo kubaka**

Inzu yose yo guturamo yubakishije amatafari ya Rukarakara igomba kuba ifite uruhushya rwo kubaka rutangwa hakurikijwe uko amategeko agenga imitangire y'impushya zo kubaka abiteganyaye. Nta muntu wemerewe kubaka nta ruhushya afite. Uwubatse nta ruhushya afite ahanwa hakurikijwe amakosa n'ibihano by'ubutegetsi bivugwa mu mugereka wa IV w'Iteka rya Minisitiri w'Ibikorwa Remezo rishyiraho amabwiriza ajyanye n'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire.



**Ingingo ya 8: Ibisabwa kugira ngo hatangwe uruhushya rwo kubakisha Rukarakara**

Umuntu wese usaba uruhushya rwo kubaka inzu yo guturamo akoresheje amatafari ya Rukarakara agomba gutanga ibisabwa byose mu gusaba uruhushya rwo kubaka inzu nshya nk'uko biteganywa n'amategeko.

**Ingingo ya 9: Ibipimo ngenderwaho by'itafari rya Rukarakara**

Itafari rya Rukarakara rigomba kuba ritarengeje santimetero 20 z'ubugari, santimetero 30 z'uburebure na santimetero 15 z'ubuhagarike. Uburyo ribumbwamo, ryanikwamo, n'uko rikoresheya mu bwubatsi biri ku mugereka w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 10: Ibikurikizwa mugihe cyo kubakisha amatafari ya Rukarakara**

Mugihe cyo kubakisha Rukarakara, inzu yose yubakishije Rukarakara igomba kuba ifite fondasiyo yubakishije amabuye hakoreshejwe sima n'umucanga. Iyo fondasiyo igomba kuba itari munsu ya santimetero mirongo ine (40cm) z'ubujyakuzimu na santimetero makumyabiri (20cm) hejuru y'ubutaka.

**Ingingo ya 11: Ubutaka bwiza bukoreshwa**

Mu gutoranya ubutaka bwo kubumbamo Rukarakara hagomba kwitabwa ku miterere ya buri gace ariko by'umwihariko ubutaka bw'ibumba na laterite ni bwo bwiza. Ibisobanuro ku butaka bwiza biri ku mugereka w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 12: Ibigize itafari rya Rukarakara**

Itafari rya Rukarakara rikozwe mu mvange y'igitaka n'amazi. Iyo ubutaka ari inombe cyangwa ibumba hongerwamo ibyatsi hagamijwe kongera ubukomere no kwirinda gusatagurika.

**Ingingo ya 13: Amashyirahamwe y'abafundi**

Mu rwego rwo kunoza imyubakire y'inzu zo guturamo, abafundi bose bagomba kwibumbira mu mashyirahamwe. Ayo mashyirahamwe agomba kugirana amasezerano y'imikoranire na buri Karere abarizwamo. Umufundi wese agomba kugira ishyirahamwe abarizwamo. Nta mufundi wemerewe gukora imirimo y'ubwubatsi bw'inzu za Rukarakara atari mu ishyirahamwe.

**Ingingo ya 14: Kubungabunga ibidukikije**

Inzego z'ibanze zigomba gukurikirana ko ahacukurwa ubutaka bubumbwamo amatafari ya Rukarakara hatangiza ibidukikije. Ahamaze gucukurwa ubutaka hagomba gusubiranywa no gutunganywa.

**Ingingo ya 15: Ikurikirana ry'inyubako zubakishije Rukarakara**



Mu gice cy'icyaro, inzu yose yo guturamo igomba kubakwa mu mudugudu. Mu rwego rwo gukurikirana no kumenya umubare w'inzu zubatswe hakoreshejwe amatafari ya Rukarakara, impushya zo kubaka hakoreshejwe amatafari ya Rukarakara zitangwa n'Umurenge mu gice cy'icyaro nawo ugatanga raporo ku Karere buri kwezi hagaragazwa umubare w'inzu zahawe impushya.

Mu gice cy'umujyi gifite igishushanyombonera, izo mpushya zitangwa n'ishami rishinzwe ubutaka, ibikorwaremezo n'Imiturire mu Karere (One Stop Center). Akarere na ko koherereza Ikigo cy'u Rwanda Gishinzwe Guteza imbere Imiturire (RHA) buri gihembwe raporo y'inzu zubatswe hakoreshejewe Rukarakara.

**Ingingo ya 16: Ibikoresho bisanzwe by'ubwubatsi**

Aya mabwiriza ntavanaho ikoreshwa ry'ibindi bikoresho biramba by'ubwubatsi byemewe.

**Ingingo ya 17: Amahugurwa ku ikoreshwa ry'amatafari rya Rukarakara**

Ishami rishinzwe ubutaka, ibikorwaremezo n'Imiturire mu Karere (One Stop Center) rigomba gutanga amahugurwa ku mashyirahamwe y'abafundi ku myubakire y'inzu zo guturamo hakoreshejwe amatafari ya Rukarakara.

**Ingingo ya 18: Amasezerano hagati y'Amashyirahamwe y'abafundi n'Uturere**

Iby'ingenzi bigomba kuba bikubiye muri ayo masezerano bishyizwe ku mugereka w'aya mabwiriza. Umwihariko wa buri Karere mu masezerano ugomba gushingira ku mategeko agenga imyubakire mu Rwanda.

**Ingingo ya 19: icyemezo cy'umufundi wahuguwe**

Buri mufundi wahuguriwe kubaka Rukarakara agomba guhabwa icyemezo n'urwego rwamuhuguye.

**Ingingo ya 20: Abashinzwe kubahiriza aya mabwiriza**

Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire gifatanyije n'Uturere twose n'Umujyi wa Kigali bashinzwe iyubahirizwa ry'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 21: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu yashyiriweho umukono n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire

Bikorewe i Kigali, kuwa..... 01 AGHT 2010

  
**Eric SERUBIBI**  
**UMUYOBOZI MUKURU**




**UMUGEREKA KU MABWIRIZA NO ..... YO KUWA ..... Y'UMUYOBOZI MUKURU W'IKIGO CY'U RWANDA GISHINZWE GUTEZA IMBERE IMITURIRE (RHA) AJYANYE N'IYUBAKISHWA RY'AMATAFARI AKOZE MU GITAKA "RUKARAKARA".**

**Ibisobanuro by'Amagambo**

1. Rukarakara: Itafari ribumbwe hakoreshejwe itaka n' amazi, rikumishwa n'izuba kandi rigakoreshwa ridatwitswe. Iri taka rishobora kongerwamo ibyatsi bitewe n'imiterere y'ubutaka bugiye gukoreshwa.



2. Butisi: Uburyo bw'imyubakire ikoresha amatafari agaragaza ubugari mu mbavu z'urukuta



3. Panderesi: Uburyo bw'imyubakire ikoresha amatafari agaragaza uburebure mu mbavu z'urukuta.



4. Umusingi: umwobo wagenewe kubakwamo fondasiyo



5. Fondasiyo: Igice mwikorezi cy'inyubako gitabye igice, cyangwa cyose mu butaka.



6. Morutsiye: icyondo cyangwa imvange y'umucanga, sima n'amazi byifashishwa mu guhuza amatafari cyangwa amabuye.



7. Beto: imvange y'umucanga, gravier ntoya, sima n'amazi



## GUTEGURA AMATAFARI YA RUKARAKARA

### I. Ibipimo ngenderwaho by'itafari rya Rukaraka:

Mu rwego rwo kwirinda gusatagurika, itafari rya Rukaraka rigomba kuba ritarengeje santimetero 20 z'ubugari, santimetero 30 z'uburebure na santimetero 15 z'ubuhagarike.

### II. KUBUMBA

#### 2.1. Itaka ribumbwamo

Itaka ribumbwamo Rukaraka rigomba kuba rigizwe n'ibi bikurikira:

- i. ibumba ku kigereranyo cya 15 kugeza kuri 20%;
- ii. inombe ku kigereranyo cya 10 kugeza kuri 30%;
- iii. umucanga ku kigereranyo cya 55 kugeza kuri 75%.

Iri taka rishobora kuba ririmo n'utubuye duto.

Iyo itaka ribumbwamo ryiganjemo ibumba cyangwa inombe, rigomba kongerwamo ibyatsi byumye kugira ngo hirindwe ko amatafari yasaduka. Itaka ribumbwa rigomba kubanza gukurwaho igice cyo hejuru kigizwe n'ubutaka bw'ifumbire.

#### 2.2. Amazi akoreshwa mu kubumba

Amazi yose yaba ay'imvura, imigezi, amazi ya robine ashobora gukoreshwa uretse:

1. Amazi arimo isabune, amavuta cyangwa ibindi binyabutabire bihumanya;
2. Amazi yakoreshejwe mu ngo








### 2.3. Iforomu yo kubumbiramo

Iforomu yo kubumbiramo ishobora kuba ikoze mu rubaho cyangwa mu cyuma, ifite ibipimo by'imbere bitarengeje santimetero 20 z'ubugari, santimetero mirongo itatu (30 cm) z'uburebure na santimetero 15 z'ubuhagarike



### 2.4. Aho kubumbira

Imbuga ibumbirwamo Rukarakara igomba gutegurwa ikaba yujuje ibi bikurikira:

- Kuba ishije kandi iringaniye;
- Kuba humutse kandi nta mazi ahatembera;
- Kuba ari hafi y'ubwanuriro



## 2.5. Gukata icyondo, kubumba no kumisha

Itaka riri bubumbwe rirategurwa, rigakurwamo imyanda n'amabuye manini.

Ni byiza ko icyondo kibumbamwo amatafari kirara giteguwe ndetse kinakaswe kugira ngo amazi acengere hose.



Kugira ngo amatafari ataza gufata hasi akangirika, ahabumbirwa hagomba kunyanyagizwa umucanga cyangwa itaka ryumye neza, mbere yo gutangira kubumba.

Iforomu ibumbirwamwo itafari igomba kozwa neza mu mpande hakoreshejwe amazi kugira ngo itafari rikurikira rivemo neza (amavuta nk'aya vidanje yabikora neza kurushaho). Ni ngombwa kandi ko mu gihe cyo kubumba, mu nguni hitabwaho by'umwihariko hashyirwa icyondo gihagije gitsindagiye neza kugira ngo itafari rikomere.

Amatafari ya Rukarakara agomba kubumbwa mu gihe cy'izuba, kandi kugira ngo itafari ryume neza rigomba kuba rimaze igihe kitari munsu y'ibyumweru bibiri ribumbwe. Nyuma y'iminsi nibura itanu amatafari abumbwe, ashobora guhindukizwa kugira ngo impande zayo zose zume neza.





Mu gihe hari izuba ryinshi, amatafari yanitse agomba gutwikirizwa ibyatsi, amakoma cyangwa akanyanyagizwaho itaka cyangwa umucanga kugira ngo adasaduka.



Aho bishoboka, amatafari yabumbirwa ahantu hatagerwa n'izuba ryinshi (mu gicucu).



Igihe haguye imvura itunguranye, amatafari atwikirizwa amahema cyangwa ibindi bikoresho bidatambutsa amazi.


Amatafari yumye abikwa mu buryo bw'amasiteri agerekeranije bitarengeje imirongo irindwi, kandi akarundwa ahatagera amazi.



#### b. KUBAKA

##### 3.1 Gutegura Umusingi


Umusingi ugomba gucukurwa kugera kunbutaka bukomeye nibura santimetero 40 z'ubujyakuzimu. Ubugari bw'umusingi bugomba kuba bufite nibura santimetero mirongo itanu (50 cm).



### 3.2. Kubaka fondasiyo

Fondasiyo igomba kuba yubakishijwe amabuye hakoreshejwe sima, umucanga n'amazi. Iyo fondasiyo igomba kuba ifite nibura santimetero mirongo ine (40cm) z'ubujyakuzimu na santimetero makumyabiri (20cm) hejuru y'ubutaka, n'ubugari bwa santimetero mirongo ine (40 cm).

Imvange ya sima n'umucanga bikoreshwa mukubaka fondasiyo igomba kuba ingorofani eshanu z'umucanga ku mufuka umwe wa sima.



### 3.3. Kurinda inyubako ubukonje n'umuswa

Hejuru ya fondasiyo hagomba gushyirwaho beto (imvange ya sima n'umucanga munini) ifite nibura santimetero eshatu (3cm) muburyo bwo kuyiringaniza, hejuru y'iyi beto (concrete) hagashyirwaho isashi yabugenewe (roofing) mbere yo kuramburaho amatafari, kugira ngo hirindwe amazi azamuka akarenga fondasiyo ajya mu nkuta.




### 3.4. Kuzamura inkuta

Inkuta zishobora kubakwa mu buryo bwa butisi cyangwa panderesi. Imirongo yubakwa ntigomba kurenga itanu ku munsu kandi hakubakwa umuzenguruko wose w'inzu haherewe mu nguni mu rwego rwo kwirinda ko inkuta zihirima.

Hagati y'umurongo w'amatafari n'undi hashyirwamo morutsiye ifite santimetero imwe kugera kuri eshatu (1-3cm).

Mu rwego rwo kubaka urukuta rukomeye kandi hirindwa ibirebane, itafari ryubakwa riyama ku rindi nibura kuri kimwe cya kane cy'uburebure bwaryo.



Kugirango hubakwe amadirishya, imiryango n'igisenge birambye, kuri metero ebyiri na santimetero icumi (210 cm) z'ubuhagarike, ku muzenguruko hubakwa umukandara (continuous lintel) ukozwe muri beto irimo ibyuma naho imbere munzu linto y'imbaho ikajya gusa hejuru y'imiryango.

Iyo rento y'umuzenguruko igomba kuba ifite santimetero makumyabiri (20 cm) z'ubugali na makumyabiri (20 cm) z'ubuhagarike.

Ubuhanarukuta bw'urukuta kugera ku gisenge ntibugomba kurenga metero eshatu (3m),



Mu gihe urukuta rufite cyangwa rurengeje metero eshanu (5m) z'uburebure, inkuta zubakwa muri butisi cyangwa muri panderesi zishyigikiwe n'inkingi zubatswe muri butisi muri buri metero eshatu (3m) hagati y'inkingi n'indi



Nyuma yo kubaka umukandara w'inzu, hejuru yawo hubakwa amatafari atarengeje imirongo itanu (5) kandi ntabe muni y'imirongo itatu(3)

Muri iyo mirongo yubatswe hejuru y'umukandara hateganywa ubuhumekero bw'inzu bunzwi nka kositara.




Mu kubaka umukandara hateganywa uburyo bunoze bwo kuzirika igisenge kandi bigakorwa mu ntera itarengeje metero eshatu (3m) mu burebure bw'urukuta.



### 3.5. Kubaka igisenge (kuzirika, ibizirikishwa, mwikorezi zikoreshwa, .....)

Igisenge cyubakwa ku nzu zose za Rukarakara kigomba kuba cyujuje ibi bikurikira:

- i) Kuba kitarengeje ubuhaname bwa dogere  $25^{\circ}$  zingana na 47%
- ii) Mbere yo kuzamura mwikorezi (truss), amatafari ahenewe kuryamirwa ashirwaho imbaho ziyafasha kwakira uburemere bw'igisenge
- iii) Igisenge kigomba kuzirikwa ku buryo kitaterurwa cyangwa ngo gihungabanywe n'umuyaga.
- iv) Igisenge kirenga ku nkuta sentimetero mirongo itanu (50cm)
- v) Igisenge giteganyirizwa imireko irinda amazi y'imvura kwangiza ibice by'inzu biherereye muni yacyo
- vi) Amazi ava mu mireko ateganyirizwa ikigega kiyakira kugira ngo azifashishwe mumirimo itandukanye y'urugo kandi agakumirwa ntarenge imbibi z'ikibanza yubatsemo mu rwego rwo kutabangamira ibikorwa remezo cyangwa abaturanyi.
- vii) Igisenge gikorwa mu mbaho (madiriye) cyangwa ibyuma bihujwe hifashishijwe imisumari ku mbaho cyangwa sudire igihe hakoreshejwe ibyuma.
- viii) Mu gusakara inyubako hakoreshejwe amabati cyangwa amategura
- ix) Igisenge cyubakwa hakurikije icyerekezo cy'umuyaga bitewe n'Akarere inyubako iherereyemo





### 3.6. Gukinga

- i) Imiryango yose n'amadirishya bigomba gukingwa hakoreshejwe imbaho zumye neza cyangwa ibyuma hakurikijwe ibipimo byabyo.
- ii) Mu rwego rwo kurinda ko haboneka urukuta rudakomeye bitewe n'ibipimo byarwo, hagati y'umuryango n'undi cyangwa hagati y'amadirishya hagomba gusigara nibura metero imwe.



Hakoreshwa linto  
ya sima, umucanga  
na garaviye

Hagomba kuba  
nibura metero imwe  
hagati y'idirishya  
n'umuryango



### 3.7. Kubaka urubaraza

Mugihe inyubako ifite urubaraza, urubaraza rugomba gutegurwa uhereye kuri fondasiyo yubatse neza n'amabuye. Inkingi zikoreye igisenge cy'urubaza zigomba kuba zubatswe mu matafari ahiye harimo ibyuma na sima cyangwa zikoze muri beto irimo ibyuma



### 3.8. Imirimo yo kurangiza, Kubungabunga no kurinda inzu

Mu rwego rwo kuyirinda kwangirika no kuyiha ubwiza, inzu ikorerwa amasuku iterwa igishahuro, igipande ndetse aho bishoboka igasigwa n'amarangi.

Igishahuro gikoreshwa ni igikoze mu cyondo cyangwa mu mvange y'umucanga na sima, kandi igipande kigaterwa gifite hagati ya centimetero ebyiri n'eshatu (2-3 cm). Ahagiye guterwa igishahuro habanza guterwa amazi kugirango byongere ubufatane n'ubukomere.

Igihe hakoreshejwe igipande cy'imvange y'umucanga, sima n'amazi, bivangwa hubahirinzwa igipimo cy'umufuka umwe wa sima mu ngorofani enye z'umucanga.

Igishahuro giterwa nibura mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30 days) umaze kubaka inkuta no gusakara inzu.

Igipande giterwa nibura nyuma y'iminsi irindwi imirimo y'igishahuro irangiye kugira ngo igishahuro kube cyumye.

Mu rwego rwo kurinda inyubako kwanginzwa n'amazi, hubakwa kandi urubaraza rwo hasi ruzengurutse inzu rufite nibura centimetero mirongo irindwi (70 cm) uvuye ku nkuta zo hanze z'inyubako. Uru rubaraza rwubakwa mu mvange ya sima, umucanga na garaviye bigasozwa no kuhasenisha sima inyerera mu koroshya itemba ry'amazi.



Uru rubaraza rwubakwa mu buryo rufite igice cy'inzira itwara amazi aruguyeho ndetse rukagira n'icyerekezo yoherezwamo hakurikijwe uburyo bwashyizweho bwo gufata amazi.

### **3.9. Gutunganya imbuga**

Igihe imirimo yo kubaka inzu irangiye, hatunganywa imbuga mu rwego rwo kubuza amazi kureka mu mbuga no gutemba yegera inzu. Kubw'iyi mpamvu imbuga itunganywa ku buryo yorohereza amazi gutemba yegera inzu ahubwo agana ahabugenewe.



**Eric SERUBIBI**



**UMUYOBOZI MUKURU**